# IKINYAMAKURU K'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE N° 26, KIGENEWE ABAHINZI- BOROZI IGICE CYA KABIRI NZERI (11- 20), 2020

**Cyasohotse ku itariki ya 22 Nzeri 2020**

## Incamake

Mu minsi icumi y'igice cya kabiri, Nzeri 2020 kuva tariki ya 11 kugeza tariki ya 20, byagaragaye ko isangano ry'imiyaga rigenda ryegera akarere u Rwanda ruherereyemo cyane cyane mu Majyaruguru y'igihugu cyacu, ibi bikazatuma imvura ikomeza kwiyongera. Imvura iri munsi y'ikigereranyo cy'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa yapimwe mu mu gihugu hose. Igiteranyo cy'mvura nyinshi yapimwe mu Ntara y'Amajyaruguru ku bupimiro bwa Busogo hapimwe milimetero 18.8 mu minsi ine na Rubengera ho mu Ntara y'Iburengerazuba hapimwe milimetero 17.8 mu minsi ibiri naho mu Ntara y'Iburasirazuba ku bupimiro bwa Nyagatare hapimwe milimetero 16.8 mu minsi itatu. Ahapimwe imvura nke ni ku bupimiro bwa Gihinga-Gacurabwenge mu karere ka Kamonyi (0.0mm).


Ibipimo by'ubushyuhe ni nk'ibisanzwe mu gice cya kabiri cya Nzeri, igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru cyari hagati ya dogere Selisiyusi (°C) 22.7 muri Gicumbi ndetse na dogere Selisiyusi 33.1°C muri Rusizi ku bupimiro bwa Bugarama naho igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi cyari hagati ya 12.0°C muri Musanze ku bupimiro bwa Busogo na 19.9°C ku bupimiro bwa Zaza. Ubuhehere bw'ubutaka bwaragabanutse ariko imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi nko gutegura ubutaka yarakomeje ndetse no gutera imbuto bikazakomeza.

## 1.0. Imvura yaguye

Aha turerekana ingano y'imvura yaguye, umubare w'iminsi imvura yaguye n'ubuhehere bw'ubutaka mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nzeri 2020.

### 1.1. Ingano y'imvura yaguye


Ikarita ya mbere hasi irerekana ingano y'imvura yaguye mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nzeri 2020. Muri iki gice cya kabiri imvura yapimwe yari nke mu bice byose by'igihugu. Igiteranyo cy'imvura ingana na milimetero 18.8 yapimwe ku bupimiro bwa Busogo mu minsi ine ikaba ari nayo yari nyinshi, naho iyabaye nke yari munsi ya milimetero 1, ikaba yarabonetse ku bupimiro bwa Gihinga-Gacurabwenge.




*Ikarita ya 1: Ingano y'Imvura yaguye mu gice cya kabiri cya Nzeri 2020*

### 1.2 Impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nzeri


Ufatiye ku bipimo by'igihe kirekire, ikarita ya kabiri iratwereka imvura isanzwe igwa mu minsi icumi y'igice cya kabiri cya Nzeri. Ubusanzwe igice cya kabiri cya Nzeri kigusha imvura iri hagati ya milimetero 20.6 na 57.6; bigaragara ko ugereranyije imvura yaguye n'isanzwe igwa mu gihe kirekire, imvura yabaye nke cyane mu bice byose by'igihugu.




*Ikarita ya 2: Imvura isanzwe igwa mu gice cya kabiri cy'ukwezi kwa Nzeri*

### 1.3.Umubare w' iminsi imvura yaguyemo

Ikarita ya 3 iragaragaza umubare w'iminsi imvura yaguyemo, mu gice cya mbere mu kwezi kwa Nzeri 2020. Umunsi tubara ko wagushije imvura ni uwapimweho byibuze milimetero 0.85 cyangwa nyinshi. Muri iki gice nibura ahantu henshi hagushije imvura mu minsi ibiri uretse ku bupimiro bwa Gihinga-Gacurabwenge hataguye imvura. Iminsi myinshi yabaye hagati y'iminsi itatu n'iminsi ine (3-4) yabonetse mu Majyaruguru no mu Majyepfo y'igihugu.




*Ikarita ya 3: Umubare w'iminsi imvura yaguyemo*

## 1.4 Ubuhehere bw'Ubutaka

Aha turagaragaza muri rusange uko ubuhehere bw'ubutaka bwari bumeze. Ahenshi mu gihugu ubuhehere bw'ubutaka muri iyi minsi icumi y'igice cya kabri cya Nzeri 2020 bwaragabanutse bitewe n'ibihe by'izuba byaranze iyi minsi. Hateganyijwe ko ubuhehere bw'ubutaka buziyongera mu gice cya gatatu cya Nzeri bitewe n'uko ibihe by'imvura biziyongera.


## 2.0. Ibipimo by'ubushyuhe

Aha turareba muri rusange uko ibipimo by'ubushyuhe bwo hejuru no hasi hirya no hino mu gihugu byari bimeze.

## 2.1 Igipimo cy'ubushyuhe bwo hejuru

Ikarita ya 4 irerekana ubushyuhe bwo hejuru. Ugendeye ku bipimo by'ubushyuhe dusanzwe dupima, ahenshi mu gihugu ubushyuhe bwari mu kigerero cy'impuzandengo y'igihe kirekire; mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, ndetse n'igice kinini cy'Iburengerazuba cyane cyane mu Majyepfo yaho niho hashyushye kurusha ahandi.


Mu Ntara y'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo akaba ariho hakonje ugereranyije n'ahandi mu gihugu. Ibipimo by'ubushyuhe byari hagati ya dogere Selisiyusi 22.7 na 29.2 ahenshi mu gihugu; uretse ku bupimiro bwa Nyamata bapimye dogere selisiyusi 31 no ku bupimiro bwa Bugarama hashyushye cyane hapimwe dogere selisiyusi 31.8.




*Ikarita ya 4: Ubushyuhe bwo hejuru*

## 2.2. Igipimo cy'ubushyuhe bwo hasi

Ikarita ya gatanu irerekana uko ubushyuhe bwo hasi bwanganaga. Ubushyuhe bwo hasi bwari hagati ya dogere Selisiyusi 12.0$^{0}$C (Busogo) na dogere Selisiyusi 19.9$^{0}$C ku bupimiro bwa Zaza. Mu Majyaruguru y' u Rwanda niho hakonje cyane kurusha ahandi mu gihugu.





*Ikarita ya 5: Ubushyuhe bwo hasi*

## 3.0 Iteganyagihe rigenewe abahinzi mu minsi icumi y’igice cya gatatu cya Nzeri (tariki 21-30) 2020

### 3.1 Ikirere giteganyijwe

Mu gice cya Gatatu cy’ukwezi kwa Nzeri (hagati y’italiki ya 21 n’iya 30) mu Rwanda hateganyijwe imvura iruta iyabonetse mu bice bibiri bishize bya Nzeri 2020 ikazaba iri hagati ya milimetero 20 na 100mm. Imvura iri hagati ya milimetero 20 na 60 iteganyijwe mu Ntara y’Iburasirazuba no mu Mujyi wa Kigali ikaziyongera uva mu burasirazuba ugana mu burengerazuba bw’Intara y’Iburasirazuba. Mu Ntara y’Amajyepfo hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 40 na 70 ariko amajyaruguru y’Akarere ka Muhanga izagera kuri milimetero 80 mu gihe mu ishyamba rya Nyungwe n’inkengero zaryo ziherereye mu Ntara y’Amajyepfo hateganyijwe ko izagera Kuri milimetero 100. Mu Ntara y’Iburengerazuba n’iy’ Amajyaruguru hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 70 na 100, uretse amajyepfo y’uturere twa Rulindo na Gicumbi hateganyijwe imvura iri hagati ya milimetero 50 na 70.

Imvura iteganyijwe kugwa ku mataliki ya 21, 22 no kuva taliki ya 25 kugeza mu mpera z’ukwezi bitewe n’ahantu kandi ikagwa byibura iminsi ine mu minsi icumi y’iri teganyagihe ndetse ahenshi ikazaba ari imvura itangiza igihembwe cy’Umuhindo 2020. Imvura iteganyijwe izaturuka ku isangano ry’imiyaga riherereye muri Afurika y’Iburasirazuba kandi ikazaba iri hejuru y’impuzandengo y’imvura isanzwe igwa muri iyi minsi icumi y’ukwezi kwa Nzeri.




***Ikarita ya 6: Iteganyagihe ry’imvura mu gice cya gatatu cya Nzeri 2020.***

### 3.2 Ibirebana n’imirimo y’ubuhinzi

Inzego z’ubuhinzi ziragirwa inama yo kwihutisha imirimo yo gutegura imirima, kwihutisha kugeza inyongeramusaruro ku bahinzi, guterera ku gihe no gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije ndetse no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka. Muri iki gice cya gatatu imirimo izibandwaho cyane ni iyo gutera imbuto zitandukanye. Abahinzi barashishikarizwa gukomeza kugisha inama abashinzwe ubuhinzi babegereye mu gukomeza gutegura neza imirimo ijyanye n’ubuhinzi. Barashishikarizwa kandi kujya basura urubuga rwa Meteo Rwanda www.meteorwanda.gov.rw, cg guhamagara umurongo utishyurwa 6080.